EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

**Ingingo esheshatu z'ingenzi mu Iyogezabutumwa rya Diyosezi ya Kabgayi mu gihe cy'imyaka itatu.**

Maze kubona ingingo nyinshi zagiye zitoranywa n'ubwo nshima agaciro zifite koko mu Iyogezabutumwa, kandi ntabwo zizirengagizwa mu buzima busanzwe bwa Diyosezi, gusa ni ngombwa ko duhitamo eshanu tuzibandaho by'umwihariko muri iyi myaka itatu iri imbere.

**1. Ubuzima bw'abapadiri n'ubutumwa bwabo**

Iyi ngingo twakomeje kuyibandaho kuko ni ishingiro ry'Iyogezabutumwa muri Paruwasi. Imibereho ya Padiri ubwayo ni Iyogezabutumwa, ni umuhamya ngenderwaho w'Ivanjiri ya Kristu. Imibereho ye n'imyitwarire ye bishobora kunoza cyangwa se gutubya ibakwe ry'Iyogezabutumwa. Imyiherero ya Padiri, amahugurwa ye n'ubuzima bwe muri rusange ni ishingiro ry'Iyogezabutumwa. Agomba na none kumenya ko adakora wenyine yifashisha abakateshiste n'Inama ya Paruwasi n'abandi bashinzwe imirimo itandukanye mu buzima bwa Paruwasi.

**2. Imiryangoremezo:**

Nubwo aho tugeze ari heza ariko hari aho tutaragera. Imiryangoremezo igomba kuba ishingiro ry'Iyogezabutumwa muri Paruwasi. Kuyiha agaciro, kuyisura bituma Paruwasi isusuruka kandi ikagera kuri byinshi. Ivanjiri ya Yezu Kristu igomba kugaragarira mu buzima busanzwe, kandi mu miryangoremezo niho bigaragarira.

**3. Umuryango n'uburezi bw'abana:**

Imibanire myiza y'abashakanye n'uburere bw'abana nibyo byubaka Kiliziya, bigatanga amahoro mu gihugu. Ingo z'abashakanye zahawe umwanya w'ibanze muri Kiliziya, ibyo



Tél. : +250 722 716 075; +250 788 530 384
e-mail : dkabgayi@gmail.c

bizagaragarira muri Sinodi ebyiri zirimo gutegurwa. Umuryango ni ingenzi mu buzima bwa Kiliziya n'ubw'igihugu, kandi imiterere yawo ikagira ingaruka ku buzima bw'abana.

**4. Iyogezabutumwa rivuguruye:**

Tugendeye ku ibaruwa ya Papa Fransisko "Evangilii Gaudium" (Ibyishimo biva ku Ivanjiri), ubutumwa bw'agakiza bwa Kristu bugomba guhindura imibereho y'umukristu kandi bukabyutsa muri buri mukristu ishyaka ryo kuba intumwa ya Kristu mu bandi, uhereye ku bakuri hafi. Ibi bihe turimo birasaba uburyo bushya bwo kwigisha Ivanjiri.

**5. Kwibeshaho kw'amaparuwasi n, ibindi bikorwa by'iyogezabutumwa muri Diyosezi.**

Hashize igihe dusaba amaparuwasi gukora kuburyo yibeshaho mu bikorwa byose by,iyogezabutumwa harimo gutunga abapadiri no kubafasha mu ngendo nsohoza butumwa. Koko ahenshi ubu birakorwa, ariko tugomba gukomeza kubiteza imbere, aho Inama ya Paruwasi n'abasaserdoti ba paruwasi bahora bigira hamwe icyazamura umutungo wa Paruwasi yabo bakiga n'uburyo bwiza wakoreshwamo. Ibyo bisaba gukora raporo, gukora ingengo y'Imari no guteganya ibizakorwa. Ibi bigakorwa mu maparuwasi, mu mashuli no bindi bikorwa bibereyeho guteza imbere Iyogezabutumwa rusange.

**6. Liturujiya:**

Liturujiya n'aho ikoraniro ry'abakristu bakirira ubutumwa bw'agakiza Yezu Kristu yatuzaniye. Ibyo bigakorwa twumva Ijambo ry'Imana, turisobanurirwa, tugasenga, tukaririmba, tugahabwa Ukaristiya twatuye n'andi masakramentu. Ibi rero bisaba ko liturujiya iba iteguwe neza, kandi igakorwa neza. Ni ngombwa ko abayigiramo uruhare bose bamenya uko bafatanya batabusanya. Cyane ku ndirimbo zikoreshwa muri liturujiya; koko amakorali yacu yateye intambwe ikomeye mu gutera ubushyuhe-nyobokamana muri liturujiya yacu. Ariko hari byinshi bigomba kunozwa kugira ngo hatazabaho gutana. Abaririmbyi, cyane abayobozi babo, bagomba kuba bazi ibice bigize liturujiya no kubihuza n'indirimbo bateguye.

Bikorewe i Kabgayi, ku ya 16 Nyakanga 2014.

+Simaragidi MBONYINTEGE
Umushumba wa Kabgayi.

SMARAGDE MBONYINTEGE EPISCOPUS KABGAYIENSIS